

*Official Gazette n° Special of 18/10/2016*

ITEGEKO N°40/2016 RYO KU WA 15/10/2016 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N°37/2012 RYO KU WA 9/11/2012 RISHYIRAHU UMUSORO KU NYONGERAGACIRO NK'UKO RYAHINDUWE KANDI RYUJUJWE KUGEZA UBU

LAW N°40/2016 OF 15/10/2016 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N°37/2012 OF 9/11/2012 ESTABLISHING THE VALUE ADDED TAX AS MODIFIED AND COMPLEMENTED TO DATE

LOI N°40/2016 DU 15/10/2016 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N°37/2012 DU 9/11/2012 PORTANT INSTAURATION DE LA TAXE SUR LA VALEUR AJOUTEE TELLE QUE MODIFIEE ET COMPLETEE A CE JOUR

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere:** Ibisobanuro by'amagambo

**Article One:** Definitions of terms

**Article premier:** Définitions des termes

**Ingingo ya 2:** Ibintu na serivisi bisonewe

**Article 2:** Exempted goods and services

**Article 2:** Biens et services exonérés

**Ingingo ya 3:** Kudakoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi

**Article 3:** Failure to use electronic billing machine

**Article 3:** Non-utilisation de la machine de facturation électronique

**Ingingo ya 4:** Kutubahiriza inshingano z'ukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi

**Article 4:** Non-compliance with obligations of the user of electronic billing machine

**Article 4:** Non-respect des obligations de l'utilisateur d'une machine de facturation électronique

**Ingingo ya 5:** Kutabangamira iyishyurwa ry'umusoro wa ngombwa cyangwa ikurikiranacyaha ku musoreshwa

**Article 5:** Non obstruction to the payment of the tax due and criminal proceedings against a taxpayer

**Article 5:** Non-obstruction au paiement de la taxe due et aux poursuites pénales contre un contribuable

**Ingingo ya 6:** Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

**Article 6:** Drafting, consideration and adoption of this Law

**Article 6:** Initiation, examen et adoption de la présente loi

**Ingingo ya 7:** Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

**Article 7:** Repealing provision

**Article 7:** Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 8:** Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

**Article 8:** Commencement

**Article 8:** Entrée en vigueur

*Official Gazette n° Special of 18/10/2016*

**ITEGEKO N°40/2016 RYO KU WA 15/10/2016 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N° 37/2012 RYO KU WA 9/11/2012 RISHYIRAHU UMUSORO KU NYONGERAGACIRO NK'UKO RYAHINDUWE KANDI RYUJUJWE KUGEZA UBU**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBLIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 06 Nzeri 2016;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 120, iya 164 n'iya 176;

Isubiye ku Itegeko n° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro nk'uko ryahinduwe kandi

**LAW N°40/2016 OF 15/10/2016 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N°37/2012 OF 9/11/2012 ESTABLISHING THE VALUE ADDED TAX AS MODIFIED AND COMPLEMENTED TO DATE**

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 06 September 2016;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 164 and 176;

Having reviewed Law n° 37/2012 of 09/11/2012 establishing the value added tax as modified and complemented to date, especially in Articles 2, 6, 24 bis and 24 ter;

**LOI N°40/2016 DU 15/10/2016 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N° 37/2012 DU 9/11/2012 PORTANT INSTAURATION DE LA TAXE SUR LA VALEUR AJOUTEE TELLE QUE MODIFIEE ET COMPLETEE A CE JOUR**

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 06 septembre 2016;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 164 et 176;

Revu la Loi n° 37/2012 du 09/11/2012 portant instauration de la taxe sur la valeur ajoutée telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en ses articles 2, 6, 24 bis et 24 ter;

*Official Gazette n° Special of 18/10/2016*

ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 2, iya 6, iya 24 bis n'ya 24 ter;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya mbere: Ibisobanuro by'amagambo**

Ingingo ya 2 y'Itegeko n° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

“Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanuwe ku buryo bukurikira:

- 1° **ibintu:** umutungo ufatika cyangwa udafatika ariko hatabariwemo amafaranga;
- 2° **ibintu cyangwa serivisi bigomba gusoreshwa:** ibintu cyangwa serivisi bigomba gusoreshwa bihawe umuntu;
- 3° **ibiribwa bitunganyijwe:** uretse ibiteganywa ukundi n'iri tegeko, ibiribwa bitunganyijwe bisobanura ibiribwa bitunganyijwe ku buryo bivamo ibiribwa by'ubundi bwoko n'agaciro bishya, nk'uko byagenwa n'Iteka rya Minisitiri;

**ADOPTS:**

**Article One: Definitions of terms**

Article 2 of Law n° 37/2012 of 09/11/2012 establishing the value added tax as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

“Under this Law, the following terms are defined as follows:

- 1° **goods:** tangible or intangible property excluding money;
- 2° **taxable goods or services:** taxable goods or services supplied to a person;
- 3° **processed foodstuffs:** except where this Law provides otherwise, processed foodstuffs refer to foodstuffs that are transformed into a new form and value as the Minister may prescribe by an Order;

**ADOPTE:**

**Article premier: Définitions des termes**

L'article 2 de la Loi n° 37/2012 du 09/11/2012 portant instauration de la taxe sur la valeur ajoutée telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme suit:

«Au fins de la présente loi, les termes repris ci-après sont définis comme suit:

- 1° **biens:** biens corporels ou incorporels, exclusion faite de l'argent;
- 2° **biens ou services imposables:** biens ou services taxables fournis à une personne;
- 3° **produits alimentaires transformés:** sauf dispositions contraires de la présente loi, les aliments transformés se réfèrent aux produits alimentaires ayant fait l'objet d'une transformation qui leur confère une nouvelle forme et une autre valeur tel qu'un arrêté du Ministre peut l'ordonner;

*Official Gazette n° Special of 18/10/2016*

- |   |  |   |
|---|--|---|
| <p>4° <b>igihe umusoro ku nyongeragaciro ugomba gutangirwa:</b> ukwezi kubariwe ku ngengaminsu cyangwa igihembwe;</p>   | <p>4° <b>value added tax period:</b> calendar month or quarter;</p>  | <p>4° <b>période de la taxe sur la valeur ajoutée:</b> mois calendrier ou le trimestre;</p>   |
| <p>5° <b>ikiguzi:</b> igiteranyo cy'umubare w'amafaranga akurikira ku birebana no kugurisha ibintu cyangwa serivisi:</p>  | <p>5° <b>consideration:</b> the total of the following amounts in relation to the supply of goods or services:</p>   | <p>5° <b>contrepartie:</b> totalité des montants ci-après en rapport avec la livraison des biens ou services:</p>   |
| <p>a) igiteranyo cy'amafaranga yishyurwa cyangwa azishyurwa umuntu ku buryo butaziguye cyangwa buziguye, ku bintu cyangwa serivisi byakozwe;</p>  | <p>a) the total amount in money paid or payable to any person, directly or indirectly, for goods or services supplied;</p>   | <p>a) le montant total en argent payé ou payable à une personne, directement ou indirectement pour les biens ou services fournis;</p>   |
| <p>b) agaciro k'ibintu cyangwa imirimo biri ku isoko n'ikiguzi cyabyo cyarishywe mu bundi buryo butari amafaranga, ku buryo butaziguye cyangwa buziguye;</p>  | <p>b) the fair market value of an amount paid in kind directly or indirectly, for goods or services;</p>   | <p>b) la juste valeur marchande d'un montant payé en nature directement ou indirectement, pour la livraison de biens ou services;</p>   |
| <p>c) amahoro, amafaranga ayo ariyo yose yakwa cyangwa yishyurwa n'imisoro hatarimo umusoro ku nyongeragaciro yarishywe cyangwa arihwa ku bintu cyangwa imirimo;</p>                                | <p>c) any duties, levies, fees, charges and taxes excluding value added tax paid or payable on goods or services;</p>  | <p>c) tout droit, prélèvement, frais, charges et taxes autre que la taxe sur la valeur ajoutée payés ou payables sur la livraison des biens ou des services;</p>  |
| <p>6° <b>imenyekanisha ry'umusoro ku nyongeragaciro:</b> inyandiko iteganywa n'iri tegeko umusororeshwa agomba kugeza ku buyobozi bw'imisoro, nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 25 y'iri tegeko;</p> | <p>6° <b>value added tax declaration:</b> a document provided for by this Law which the taxpayer submits to the tax administration as provided under Article 25 of this Law;</p> | <p>6° <b>déclaration de la taxe sur la valeur ajoutée:</b> document prévu par la présente loi que le contribuable doit remettre à l'administration fiscale tel que prévu par l'article 25 de la présente loi;</p> |
| <p>7° <b>imirimo ikorewe mu Rwanda:</b> imirimo ifatwa nk'ikorera mu Rwanda iyo uyikora;</p>  | <p>7° <b>services provided in Rwanda:</b> services are regarded as provided in Rwanda if the services provider:</p>  | <p>7° <b>services prestés au Rwanda:</b> les services sont considérés comme étant prestés au Rwanda lorsque le prestataire:</p>   |

*Official Gazette n° Special of 18/10/2016*

- |   |  |  |
|---|--|--|
| a) afite icyicaro mu Rwanda kandi nta handi agifite;  | a) has the headquarters in Rwanda and nowhere else;  | a) a son siège d'activités au Rwanda et nulle part ailleurs;   |
| b) nta cyicaro afite mu Rwanda cyangwa ahandi hose, ariko akaba asanzwe atuye mu Rwanda;  | b) has no headquarters in Rwanda or elsewhere but his/her usual place of residence is in Rwanda;   | b) n'a ni siège d'activités au Rwanda ni nulle part ailleurs mais a sa résidence habituelle au Rwanda;   |
| c) afite icyicaro mu Rwanda n'ahandi ariko icyicaro cy'ibikorwa bye byitirirwa uwo murimo ukorwa kikaba ari ikiri mu Rwanda;            | c) has headquarters in Rwanda and elsewhere but the headquarters most directly concerned with the supply of the services referred to is the one in Rwanda; | c) a un siège d'activités au Rwanda et ailleurs mais le siège d'activités directement concerné par la prestation des services en question est celui du Rwanda; |
| d) nta cyicaro afite mu Rwanda ahubwo akakigira ahandi kandi abo iyo mirimo ikorerwa bayikenera cyangwa ikabagirira akamaro mu Rwanda ; | d) has no headquarters in Rwanda but has it elsewhere and the recipients of the services need it or benefit from them in Rwanda;                           | d) n'a pas de siège d'activités au Rwanda mais plutôt ailleurs et les consommateurs de ces services les utilisent ou en bénéficient au Rwanda;                 |
| <b>8° itegeko rya gasutamo: itegeko</b> rigenga imicungire ya za gasutamo ry'Umuryango w'Ibihugu bya Afurika y'Iburasirazuba ;          | <b>8° customs legislation:</b> the East African Community Customs Management Act;  | <b>8° législation douanière:</b> loi portant gestion douanière au sein de la Communauté Est-Africaine;   |
| <b>9° Komiseri Mukuru:</b> Komiseri Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro;  | <b>9° Commissioner General:</b> the Commissioner General of Rwanda Revenue Authority;  | <b>9° Commissaire Général:</b> Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes;  |
| <b>10° Minisitiri:</b> Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;  | <b>10° Minister:</b> the Minister in charge of Finance;  | <b>10° Ministre:</b> le Ministre ayant les finances dans ses attributions;   |
| <b>11° serivisi:</b> ibindi byose bitari ibintu cyangwa amafaranga ;  | <b>11° services:</b> anything other than goods or money;   | <b>11° services:</b> tout ce qui n'est pas biens ou argent;  |
| <b>12° serivisi mbumbe ku bukerarugendo:</b> uburyo umuntu utanga serivisi mu rwego rw'ubukerarugendo ategura serivisi                  | <b>12° all-inclusive tour package:</b> an arrangement whereby a tour operator  | <b>12° service touristique global:</b> arrangement par lequel un tour-opérateur offre aux  |

*Official Gazette n° Special of 18/10/2016*

zikomatanyije zose za ngombwa, harimo guteganya amacumbi no gutwara ba mukerarugendo n'ibindi, ku giciro kibumbiye hamwe;

organizes a service package of necessary services such as accommodation, transport of tourists and any other things, sold to the client as an all-inclusive package;

touristes des services comprenant le logement, le transport et autres à un prix global;

**13° umuguzi:** umuntu ibintu cyangwa serivisi bigenewe ;

**13° recipient:** a person to whom the goods or services are intended;

**13° bénéficiaire:** personne à laquelle des biens ou services sont destinés ;

**14° umuntu:** umuntu ku giti cye, isosiyete, ikigo cy'ifatanyabikorwa, amashyirahamwe n'imiryango y'ubwoko bwose yemewe n'amategeko, Guverinoma y'u Rwanda, guverinoma y'igihugu cy'amahanga cyangwa umuryango mvamahanga;

**14° person:** an individual, company, partnership company, associations and any kind of a legally recognized organization, the Government of Rwanda, a foreign government or an international organization;

**14° personne:** personne physique, société, société en partenariat, associations et toutes sortes d'organisations reconnues par la loi, le Gouvernement du Rwanda, un gouvernement étranger ou une organisation internationale;

**15° umutungo:** umutungo, waba ufatika cyangwa udafatika umuntu yabonye kugira ngo awukoreshe mu kigo cye cy'ubucuruzi, ariko hatabariwemo:

**15° capital asset:** tangible or intangible asset acquired by a person for use in his/her commercial enterprise but excluding:

**15° bien:** élément d'actif corporel ou incorporel acquis par une personne pour l'utiliser dans son entreprise, à l'exception de :

a) umutungo washatswe hagamiywe cyane cyane kongera kuwugurisha mu buryo busanzwe bwo gukora ubucuruzi, uwo mutungo waba ugamiye cyangwa utagamiye kongera kugurishwa nk'uko wari umeze igihe wabonetse;

a) asset acquired for the principal purpose of resale in the ordinary course of carrying on an enterprise, whether or not the asset is to be sold in the form or state in which it was acquired;

a) un bien acquis en vue de le revendre essentiellement dans le cadre normal de la gestion de l'entreprise, qu'il soit ou non à vendre dans la forme ou l'état où il était au moment de son acquisition;

b) ibikoresho bishira cyangwa ibikoresho fatizo;

b) consumables or raw materials;

b) consommables ou matières premières;

**16° umusoro ku kiranguzo:** umusoro ku nyongeragaciro ku bintu bisoreshwa

**16° input tax:** value added tax payable in respect of a taxable asset or taxable

**16° taxe en amont:** taxe sur la valeur ajoutée payable en vertu d'une acquisition taxable

*Official Gazette n° Special of 18/10/2016*

cyangwa ku bicuruzwa bitumijwe mu mahanga bisoreshwa, ariko hatarimo ibihano byaciwe biteganywa n'Itegeko n° 25/2005 ryo ku wa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu biturutse mu kugura cyangwa gutumiza ibintu mu mahanga;

**17° umusoro wakiriwe:** umusoro utangwa ku bicuruzwa cyangwa imirimo cyangwa serivisi byakozwe cyangwa byatanzwe n'umuntu;

**18° umusorehwa:** uwiyandikishije mu buyobozi bw'umusoro ku nyongeragaciro kandi ubifitiye icyemezo;

**19° ibikoresho remezo:** ibikoresho bya ngombwa uruganda rukenera kugira ngo rubashe kugera ku musaruro warwo”.

**Ingingo ya 2: Ibintu na serivisi bisonewe**

Ingingo ya 6 y'Itegeko n° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

“Ibintu na serivisi bikurikira bisonewe umusoro ku nyongeragaciro:

imported goods but does not include a penalty imposed under Law n° 25/2005 of 04/12/2005 on Tax Procedures as modified and complemented to date in respect of such acquisition or import;

**17° output tax:** tax imposed on goods or services made or supplied by a person;

**18° taxpayer:** any person who is registered in tax administration for value added tax and who possesses a registration certificate;

**19° capital goods:** any tangible assets that an industry uses to achieve its production. ”

**Article 2: Exempted goods and services**

Article 6 of Law n°37/2012 of 09/11/2012 establishing the value added tax as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

“The following goods and services are exempted from value added tax:

ou des marchandises importées imposables mais qui ne comprend pas une pénalité imposée en vertu de la Loi n° 25/2005 du 04/12/2005 portant création des procédures fiscales telle que modifiée et complétée à ce jour en ce qui concerne une telle acquisition ou importation;

**17° taxe en aval:** taxe imposée sur des biens livrés ou services effectués par une personne;

**18° contribuable:** toute personne physique ou morale qui a été enregistrée à la taxe sur la valeur ajoutée et qui possède un certificat d'enregistrement;

**19° biens d'équipement:** tout bien tangible dont l'industrie a besoin pour assurer sa production ».

**Article 2: Biens et services exonérés**

L'article 6 de la Loi n° 37/2012 du 09/11/2012 portant instauration de la taxe sur la valeur ajoutée telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme suit:

«Les biens et services suivants sont exonérés de la taxe sur la valeur ajoutée:

*Official Gazette n° Special of 18/10/2016*

1° serivisi yo gukwirakwiza amazi no gutunganya ibidukikije mu gihe bitagamije inyungu ukuyemo imirimo yo kuyobora amazi yanduye hakoreshewe ipombo;

2° ibintu na serivisi bijyana no kubungabunga ubuzima:

a) serivisi yo kubungabunga ubuzima n'imirimo ikorwa mu buvuzi;

b) ibikoresho bigenewe abafite ubumuga;

c) ibintu n'imiti bigaragara ku rutonde rugenwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rukemezwa na Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ze.

Ibigo bishobora gusonerwa ibintu bivugwa mu gace ka 2° b) k'iyi ngingo bigomba kuba bizwi n'amategeko akurikizwa mu Rwanda nk'ibigo bya Leta, imiryango igamije imibereho myiza y'abaturage n'ibindi bigo byose bikora ibikorwa byo gufasha bidaharanira inyungu.

Ku bantu ku giti cyabo, ibikoresho bivugwa mu gace ka 2° b) bigomba kuba byemejwe na muganga wemewe na Leta ko bijyanye n'ubumuga bwe;

1° services of supplying clean water and ensuring environment treatment for non-profit making purposes with the exception of sewage pump- out services;

2° goods and services for health-related purposes:

a) health and medical services;

b) equipment designed for persons with disabilities;

c) goods and drugs appearing on the list established by the Minister in charge of health and approved by the Minister in charge of taxes.

Institutions eligible for exemption under item 2° b) of this Article must be recognized by Rwandan laws as public institutions, social welfare organizations and any other form of voluntary or charity organisations.

For natural persons, an authorized medical Doctor ascertains whether the equipment provided under item 2° b) relates to their disability;

1° les services de distribution d'eau potable et de préservation de l'environnement à des fins non lucratives à l'exception des services d'évacuation des eaux usées à l'aide des pompes;

2° les biens et services de santé :

a) les services de santé et services médicaux;

b) les équipements destinés aux personnes handicapées;

c) les biens et médicaments figurant sur la liste établie par le Ministre ayant la santé dans ses attributions et approuvée par le Ministre ayant les taxes dans ses attributions.

Les institutions susceptibles de bénéficier de l'exonération prévue au point 2° b) du présent article doivent être reconnus par la législation rwandaise comme étant des institutions publiques, des organismes à caractère social et toute autre forme d'organisations caritatives sans but lucratif.

Pour les personnes physiques, un médecin reconnu par l'Etat doit attester que les équipements visés au point 2° b) sont liés à leur handicap;



*Official Gazette n° Special of 18/10/2016*

- |  |  |  |
|--|--|--|
| 3° ibikoresho, serivisi n'imashini mfashanyigisho mu burezi bigaragara ku rutonde rugenwa na Minisitiri ufite uburezi mu nshingano ze rukemezwa na Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ze; | 3° educational materials, services and equipment appearing on the list established by the Minister in charge of education and approved by the Minister in charge of taxes; | 3° les biens, services et équipements pédagogiques figurant sur la liste établie par le Ministre ayant l'éducation dans ses attributions et approuvée par le Ministre ayant les taxes dans ses attributions; |
| 4° ibitabo, ibinyamakuru n'amagazeti;  | 4° books, newspapers and magazines;  | 4° les livres, journaux et magazines ;   |
| 5° serivisi z'ubwikorezi zikozwe n'ababiherewe uruhushya:  | 5° transportation services by licensed persons:  | 5° les services de transport par les personnes autorisées:   |
| a) gutwara abantu ku nzira y'ubutaka mu modoka zifite ubushobozi bwo gutwara abantu cumi na bane (14) cyangwa barenga;   | a) transportation of persons by road in vehicles which have a seating capacity of fourteen (14) persons or more;   | a) transport des personnes par route dans des véhicules ayant une capacité de quatorze (14) places ou plus;  |
| b) gutwara abantu mu ndege;  | b) transportation of persons by air;   | b) transport des personnes par avion;  |
| c) gutwara abantu cyangwa imizigo mu mato;   | c) transportation of persons or goods by boat;   | c) transport des personnes ou des biens par bateau;  |
| d) gutwara ibintu ku nzira y'ubutaka;  | d) transportation of goods by road;  | d) transport des biens par voie terrestre  |
| 6° itiza, ikodeshagurisha n'igurisha:  | 6° lending, lease and sale:  | 6° prêt, location-vente et vente:  |
| a) igurisha cyangwa ikodeshagurisha ry'isambu;   | a) sale or lease of land;  | a) vente ou location-vente d'une propriété foncière;   |
| b) kugurisha igice cyangwa inzu yose yagenewe guturwamo bisanzwe;  | b) sale of whole or part of a building for residential use;  | b) vente en tout ou en partie d'un immeuble à usage résidentiel;   |
| c) gukodesha cyangwa gutanga uburenganzira bwo kuba mu nzu yagenewe guturwamo n'umuntu   | c) renting or grant of the right to occupy a house used as a place of residence of one person and  | c) location ou cession du droit d'occupation d'une maison utilisée   |

*Official Gazette n° Special of 18/10/2016*

umwe hamwe n'umuryango we, igihe cyose ubwo burenganzira bwo kuyibamo burengeje iminsi mirongo cyenda (90);	his/her family, if the period of accommodation for a continuous term exceeds ninety (90) days;	comme résidence d'une seule personne et sa famille, lorsque la période d'occupation dépasse quatre-vingt-dix (90) jours;
d) ikodeshagurisha ry'umutungo wimukanwa rikozwe n'ikigo cy'imari cyemewe;	d) lease of a movable property made by a licensed financial institution;	d) location-vente d'une propriété mobilière engagée par une institution financière agréée;
7° serivisi zerekeye imari n'ubwishingizi:	7° financial and insurance services:	7° services financiers et d'assurance:
a) amafaranga yerekeye ubwishingizi bw'ubuzima no kwivuza;	a) premiums charged on life and medical insurance services;	a) les primes relatives à l'assurance vie et médicale;
b) amafaranga banki yishyuzwa abantu bakoresha konti zitunguka;	b) bank charges on current account operations;	b) les frais bancaires payés sur les opérations des comptes courants;
c) imirimo y' ivunja ikorwa n' ibigo by' imari byemewe;	c) exchange operations carried out by licensed financial institutions;	c) les opérations de change effectuées par les institutions financières agréées ;
d) inyungu banki ikura ku bo yahaye inguzanyo n' izo itanga ku bayibikije amafaranga;	d) interest charged by the bank on credit and deposits;	d) les intérêts débiteurs perçus par la banque sur les crédits et les intérêts créditeurs sur les dépôts ;
e) serivisi zikorwa na Banki Nkuru y'u Rwanda;	e) operations of the National Bank of Rwanda;	e) les opérations de la Banque Nationale du Rwanda ;
f) amafaranga yakwa na banki ku bitabo bya banki;	f) fees charged by the bank on vouchers and bank instruments;	f) les frais bancaires perçus par la banque sur les extraits et autres instruments ;
g) ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane, kimwe n'amafaranga ikigeza cy'ishoramari cy'abishyize	g) capital market transactions for listed securities and fees or expenses charged to investors by	g) les titres cotés sur le marché des capitaux, ainsi que les frais ou dépenses imposés aux investisseurs

*Official Gazette n° Special of 18/10/2016*

hamwe kigengwa n'amategeko gica abashoramari;	a regulated collective investment scheme;	par un Fonds d'investissement collectif;
h) ihererekanya ry'imigabane;	h) transfer of shares;	h) transfert d'actions;
8° amabuye y'agaciro: kugurisha Banki Nkuru y'u Rwanda ibimanyu bya zahabu;	8° precious metals: sale of gold in bullion form to the National Bank of Rwanda;	8° métaux précieux: la vente à la Banque Nationale du Rwanda de lingots d'or;
9° ibintu cyangwa imirimo ijyana no gushyingura cyangwa gutwika umurambo bigenwa n'iteka rya Minisitiri;	9° any goods or services in connection with burial or cremation of a body provided by an Order of the Minister;	9° biens ou services se rapportant à l'inhumation ou à l'incinération d'un cadavre déterminés par un arrêté du Ministre;
10° ibikoresho bitanga ingufu bigaragara ku rutonde rugenwa na Minisitiri ufite ingufu mu nshingano ze rukemezwa na Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ze;	10° energy supply equipment appearing on the list established by the Minister in charge of energy and approved by the Minister in charge of taxes;	10° équipements de fourniture d'énergie figurant sur la liste établie par le Ministre ayant l'énergie dans ses attributions et approuvée par le Ministre ayant les taxes dans ses attributions;
11° imigabane itangwa mu mashyirahamwe y'abakozi ;	11° trade union subscriptions;	11° cotisations dans les organisations syndicales;
12° ikodeshagurisha ry'ibintu bisonewe;	12° leasing of exempted goods;	12° location-vente des biens exonérés;
13° ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi byose, uretse ibitunganyijwe. icyakora, amata yatunganyirijwe mu nganda, uretse amata y'ifu n'ibikomoka ku mata, asonewe uwo musoro;	13° all agricultural and livestock products, except processed ones. However, milk processed, excluding powder milk and milk derived products, is exempted from this tax;	13° tous les produits agricoles et d'élevage, sauf s'ils sont transformés. Toutefois, le lait transformé, à l'exception du lait en poudre et des produits à base de lait, est exonéré de cette taxe;
14° serivisi y'ubwishingizi bw'ibijyanye n'ubuhinzi;	14° services of agriculture insurance;	14° services d'assurance agricole;

*Official Gazette n° Special of 18/10/2016*

15° serivisi, inyongeramusaruro n'ibindi bikoresho n'imashini byo mu buhinzi n'ubworozi bigaragara ku rutonde rugenwa na Minisitiri ufite ubuhinzi n'ubworozi mu nshingano ze rukemezwa na Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ze;

16° imikino y'amahirwe isoreshwa n'Itegeko rigena umusoro ku mikino y'amahirwe;

17° ibikoresho bwite by'abahagarariye u Rwanda mu mahanga, batashye bavuye mu butumwa, impunzi z'Abanyarwanda zitashye, n'abandi bantu bagarutse mu gihugu basanzwe bemerewe ubusonerwe hakurikijwe amategeko ya gasutamo. Ibijyanye n'amezi cumi n'abiri (12) arebana n'isonerwa ry'imodoka biteganywa mu mategeko ya gasutamo ntibireba abahagarariye u Rwanda mu mahanga batashye bavuye mu butumwa;

18° ibikoresho na serivisi bigenewe ahantu hihariye mu by'ubukungu mu Rwanda byinjijwe mu gihugu n'ikigo gikorera ahantu hihariye kibifitiye uruhushya;

19° telefoni zigendanwa na simukadi;

20° ibikoresho by'ikoranabuhanga, itumanaho n'ikwirakwizwa ry'amakuru bigaragara ku rutonde rugenwa na Minisitiri ufite

15° services, agricultural inputs, and other agricultural and livestock materials and equipment appearing on the list established by the Minister in charge of agriculture and animal resources and approved by the Minister in charge of taxes;

16° gaming activities taxable under the Law establishing tax on gaming activities;

17° personal effects of Rwandan diplomats returning from foreign postings, Rwandan refugees and returnees entitled to tax relief under customs laws. The period of twelve (12) months required for tax relief for vehicles provided under customs laws shall not apply to Rwandan diplomats returning from foreign postings;

18° goods and services meant for Special Economic Zones imported by a zone user holding this legal status;

19° mobile telephones and SIM cards;

20° information, communication and technology equipment appearing on the list established by the Minister in charge of information and

15° services, intrants agricoles et autres matériels et équipements agricoles et d'élevage figurant sur la liste établie par le Ministre ayant l'agriculture et l'élevage dans ses attributions et approuvée par le Ministre ayant les taxes dans ses attributions;

16° les activités de jeux de hasard taxées selon la Loi régissant la taxe sur les jeux de hasard;

17° effets personnels des diplomates de retour d'une mission diplomatique, des réfugiés rwandais et d'autres personnes qui retournent au pays ayant droit à une exonération fiscale en vertu de la législation douanière. Le délai de douze (12) mois requis pour l'admission en exonération pour les véhicules prévus par la législation douanière ne s'applique pas aux diplomates rwandais de retour d'une mission diplomatique;

18° biens et services destinés aux zones économiques spéciales au Rwanda importés par un utilisateur de zone détenteur de ce statut légal;

19° téléphones portables et cartes SIM;

20° matériel de la technologie, de la communication et de l'information figurant sur la liste établie par le Ministre ayant les technologies de l'information et de la communication

*Official Gazette n° Special of 18/10/2016*

ikoranabuhanga mu nshingano ze rukemezwa na Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ze;

communication technology and approved by the Minister in charge of taxes;

dans ses attributions et approuvée par le Ministre ayant les taxes dans ses attributions;

21° ibintu byose, harimo ibikoresho, ibigemurwa, imashini n'imodoka byagenewe gukoreshwa gusa n'ibigo bya Leta bishinzwe umutekano w'Igihugu;

21° all goods, including materials, supplies, machinery and motor vehicles intended for public institutions in charge of national defense or security;

21° tous les biens, incluant les matériaux, les fournitures, machines et véhicules destinés aux institutions publiques en charge de la défense ou sécurité nationales;

22° imashini n'ibikoresho remezo by'inganda kimwe n'ibikoresho fatizo bikoreshwa mu nganda, bigaragara ku rutonde rugenwa na Minisitiri ufite inganda mu nshingano ze rukemezwa na Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ze.

22° machinery and capital goods of industries as well as raw materials used in industries appearing on the list established by the Minister in charge of industry and approved by the Minister in charge of taxes.

22° machines et biens d'équipement des industries ainsi que les matières premières utilisées dans les industries figurant sur la liste établie par le Ministre ayant l'industrie dans ses attributions et approuvée par le Ministre ayant les taxes dans ses attributions.

Ibisabwa uruganda kugira ngo rwemererwe ubusonerwe bigenwa n'iteka rya Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ze”.

Requirements for an industry to be entitled to exemption are determined by an Order of the Minister in charge of taxes.”

Les conditions requises pour l'exonération d'une industrie sont déterminées par un arrêté du Ministre ayant les taxes dans ses attributions ».

**Ingingo ya 3: Kudakoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi**

**Article 3: Failure to use electronic billing machine**

**Article 3: Non-utilisation de la machine de facturation électronique**

Ingingo ya 24 bis y'Itegeko n° 37/2012 ryo kuwa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Article 24 bis of Law n° 37/2012 of 9/11/2012 establishing the value added tax as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

L'article 24 bis de la Loi n° 37/2012 du 09/11/2012 portant instauration de la taxe sur la valeur ajoutée telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme suit:

“Umuntu wese ugomba gukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi

“Any person required to use electronic billing machine who sells goods or services without

« Toute personne tenue d'utiliser la machine de facturation électronique qui vend des biens ou

## Official Gazette n° Special of 18/10/2016

ugurishije ibintu cyangwa serivisi atabitangiyeye inyemezabuguzi y'ikoranabuhanga acibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro icumi (10) z'agaciro k'umusoro ku nyongeragaciro wanyerejwe.

Iyo umuntu yongeye gukora ikosa rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, acibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'inshuro makumyabiri (20) z'agaciro k'umusoro ku nyongeragaciro wanyerejwe”.

### **Ingingo ya 4: Kutubahiriza izindi nshingano z'ukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi**

Ingingo ya 24 ter y'Itegeko n° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

“Umuntu wese ugomba gukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi agomba kubahiriza izindi nshingano zirebana n'ukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi ziteganywa n'Iteka rya Minisitiri rigena imikoreshereze y'imashini y'ikoranabuhanga yemewe mu gutanga inyemezabuguzi.

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 24 bis y'iri tegeko, umuntu wese utubahirije inshingano zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo acibwa

issuing an electronic invoice is liable to an administrative fine of ten (10) times the value of the evaded value added tax.

In case a person repeats the fault specified in Paragraph One of this Article, he/she is liable to an administrative fine of twenty (20) times the value of the evaded value added tax.”

### **Article 4: Non-compliance with other obligations of the user of electronic billing machine**

Article 24 ter of Law n° 37/2012 of 9/11/2012 establishing the value added tax as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

“Any person required to use an electronic billing machine complies with other obligations of the user of such a machine provided for by the Ministerial Order on modalities of use of certified electronic billing machine.

Subject to provisions of Article 24 bis of this Law, any person who fails to comply with the obligations specified in Paragraph One of this

services sans délivrer une facture électronique est passible d'une amende administrative de dix (10) fois la valeur de la taxe sur la valeur ajoutée édulée.

Lorsqu'une personne répète la faute visée à l'alinéa premier du présent article, elle est passible d'une amende administrative de vingt (20) fois la valeur de la taxe sur la valeur ajoutée édulée ».

### **Article 4: Non-respect des autres obligations de l'utilisateur d'une machine de facturation électronique**

L'article 24 ter de la Loi n° 37/2012 du 09/11/2012 portant instauration de la taxe sur la valeur ajoutée telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme suit:

« Toute personne tenue d'utiliser une machine de facturation électronique doit respecter les autres obligations de l'utilisateur de cette machine prévues par l'Arrêté Ministériel portant modalités d'utilisation de la machine de facturation électronique agréée.

Sous réserve des dispositions de l'article 24 bis de la présente loi, toute personne qui ne respecte pas les obligations visées à l'alinéa premier du

*Official Gazette n° Special of 18/10/2016*

ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200.000 FRW).

Iyo umuntu yongeye gukora ikosa rivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo acibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana ane (400.000 FRW).

Umuntu wese ugabanya agaciro cyangwa umubare w'ibyacurowe bisoreshwa akoresheje inyemezabuguzi y'ikorabuhanga acibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro icumi (10) z'agaciro k'umusoro ku nyongeragaciro wanyerejwe.

Iyo umuntu yongeye gukora ikosa rivugwa mu gika cya 4 cy'iyi ngingo acibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'inshuro makumyabiri (20) z'agaciro k'umusoro ku nyongeragaciro wanyerejwe”.

**Ingingo ya 5: Kutabangamira iyishyurwa ry'umusoro wa ngombwa cyangwa ikurikiranacyaha ku musoreshwa**

Itegeko n° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ryongewemo ingingo ya 24 quarter iteye ku buryo bukurikira:

Article is liable to an administrative fine of two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200,000).

In case a person repeats the fault provided under Paragraph 2 of this Article, he/she is liable to an administrative fine of four hundred thousand Rwandan francs (FRW 400,000).

Any person who makes a taxable transaction and delivers an electronic invoice with undervalued price or quantity of goods or services is liable to an administrative fine of ten (10) times the value of the evaded value added tax.

In case the person repeats the fault provided under Paragraph 4 of this Article, the fine is increased to twenty (20) times of the value of the value added tax evaded.”

**Article 5: Non obstruction to the payment of the tax due and criminal proceedings against a taxpayer**

Law n° 37/2012 of 9/11/2012 establishing the value added tax as modified and complemented to date is complemented by Article 24 quarter worded as follows:

présent article est passible d'une amende administrative de deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW).

Lorsqu'une personne répète la faute visée à l'alinéa 2 du présent article, elle est passible d'une amende administrative de quatre cent mille francs rwandais (400.000 FRW).

Toute personne qui fait une transaction imposable et délivre une facture électronique avec sous-estimation de la valeur ou de la quantité des biens ou services vendus est passible d'une amende administrative de dix (10) fois la valeur de la taxe sur la valeur ajoutée éludée.

Lorsque une personne répète la faute visée à l'alinéa 4 de du présent article, l'amende est portée à vingt (20) fois la valeur de la taxe sur la valeur ajoutée éludée ».

**Article 5: Non-obstruction au paiement de la taxe due et aux poursuites pénales contre un contribuable**

La Loi n°37/2012 du 09/11/2012 portant instauration de la taxe sur la valeur ajoutée telle que modifiée et complétée à ce jour est complétée par l'article 24 quarter libellé comme suit:

*Official Gazette n° Special of 18/10/2016*

**“Ingingo ya 24 quarter: Kutabangamira iyishyurwa ry’umusoro wa ngombwa cyangwa ikurikiranacyaha ku musoreshwa**

Ibihano byo mu rwego rw’ubutegetsi bivugwa muri iri tegeko ntibibangamira iyishyurwa ry’umusoro wa ngombwa cyangwa ikurikiranacyaha ku musoreshwa bireba”.

**Ingingo ya 6: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 7: Ivanwaho ry’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko**

Ingingo zose z’amategeko zibanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 8: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.

Kigali, ku wa **15/10/2016**

**“Article 24 quarter: Non obstruction to the payment of the tax due and criminal proceedings against a taxpayer**

Administrative sanctions provided for in this Law shall not preclude either the payment of the tax due or the criminal proceedings against the concerned taxpayer”.

**Article 6: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 7: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

**Article 8: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **15/10/2016**

**« Article 24 quarter: Non-obstruction au paiement de la taxe due et aux poursuites pénales contre un contribuable**

Les sanctions administratives prévues dans la présente loi ne font obstacle ni au paiement de la taxe due ni aux poursuites pénales contre le contribuable concerné ».

**Article 6: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Article 7: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 8: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **15/10/2016**



*Official Gazette n° Special of 18/10/2016*

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(sé)

**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)

**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Minisitiri w'Intebe

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Prime Minister

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the  
Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux